RWANDA GREEN FUND
INVESTING IN A GREEN AND CLIMATE RESILIENT RWANDA

german cooperation
DEUTSCHE ZUSAMMENARBEIT
Implemented by: KFW

ITANGAZO RUSANGE

RIREBANA NO GUHAMAGARIRA IBIGO BYA LETA GUTANGA IMBANZIRIZAMISHINGA YO KURENGERA IBIDUKIKIJE KU NSHURO YA MBERE MURI GAHUNDA YA NDC FACILITY/INTEGO

- RIKABA RIREBA IBIGO BYA LETA GUSA -

UBUSOBANURO KURI GAHUNDA YA NDC FACILITY/INTEGO

NDC Facility/Intego ni gahunda yashyizweho yo gutera inkunga imishinga irengera ibidukikije iturutse mu bigo bya Leta hashingiwe ku ruhare Leta y'u Rwanda yiyemeje mu guhangana n'ingaruka y'imihindagurikire y'ikirere (NDCs), ikabikora ibinyujije mu Kigega cy'Igihugu k'Ibidukikije (FONERWA). Guverinoma y'Ubudage ibinyujije muri Banki yayo itsura amajyambere KfW ikaba yariyemeje gushyigikira ibikorwa bya NDC Facility/Intego itanga inkunga ingana n'amayero miliyoni mirongo ine n'esheshatu (EUR 46.0 million).

FONERWA yishimiye kumenyesha abantu bose itangizwa ry'ihamagara rya mbere ryo kwakira imbanzirizamushinga, hashingiwe ku ntego za NDC Facility/Intego. Imishinga izakirwa ikaba ari iturutse mu bigo bya Leta, kandi ikaba igamije gushyira mubikorwa imishinga yo kubaka ubudahangarwa (adaptation) ku ngaruka z'imihindagurikire y'ikirere no kugabanya ibyotsi byoherezwa mu kirere bishobora ku cyangiza(mitigation) mu Rwanda. Imbanzirizamishinga izatsinda amarushanwa y'ijonjora izahabwa inkunga yo gushyira mu bikorwa iyo mishinga.

INZEGO Z'IMISHINGA IZIBANDWAHO

Imbanziriza mishinga isabwa izibanda ku mishinga ijyanye n'ibyo u Rwanda rwiyemeje rubinyijije muri NDC/Intego harimo iyi ikurikira:

- Ubuhinzi bugezweho burengera ikirere
- Gufata neza ubutaka no gutera amashyamba
- Kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima
- Imikoreshereze myiza y'umutungo kamere w'amazi
- Gutuza abantu n'iterambere ry'imijyi ku buryo burambye
- Ubwikorezi butangiza ikirere kandi burambye
- Ingufu zisubira no gukoresha ibicanwa mu buryo buhamye
- Kwirinda Ibiza no gucunga ingaruka zabyo

Raporo ivuguruye y'ibyo U Rwanda rwiyemeje iboneka ku rubuga rw'ikigega arirwo: http://greenfund.rw/policies

IBISHINGIRWAHO MU GUTORANYA IMISHINGA

Mu gutora imishinga iby'ingenzi bishingirwaho ni ibi bikurikira:

- Umushinga ugomba gutangwa n'Ikigo cya Leta;
- Imishinga igomba kuba ihura nibura n'imwe mu byiciro by'imirimo ivugwa muri raporo ya NDC y'u Rwanda ivuguruye;
- Inyungu zikomoka k'umushinga zigomba kuba zizakomeza ku buryo burambye na nyuma y'uko umushinga urangiye;
- Imishinga igomba kuba igaragaza ko hazabaho imikoreshereze myiza y'inkunga izatangwa;
- Imishinga igomba kwibanda mugufasha umubare munini w'abagenerwabikorwa hanagaragazwa ku buryo bugaragara uko abagore nibura bangana na 60% bazagira uruhare mu mushinga n'ibindi byiciro by'abatishoboye;
- Ibigo bizana imishinga bigomba kugaragaza ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa iyo mishinga;
- Imishinga igomba kuba yubahiriza umurongo washyizweho n'amabwiriza aboneka mu nyandiko ya FONERWA ajyanye no gucunga neza ibidukikije n'imibereho myiza (FONERWA's ESMF). Imishinga izaba iri mu cyiciro cya B na C nk'uko bizerekanwa n'isuzuma rizakorwa na KfW hamwe na FONERWA niyo gusa izaba yemerewe kubona inkunga

NINDE WEMERE GUSABA?

Ipiganwa rya mbere ry'imbanzirizamishinga rya NDC Facility/Intego rizibanda gusa ku mishinga iturutse mu bigo bya Leta y'U Rwanda birimo: inzego za Leta ku rwego rw'Igihugu (central government) hamwe n'inzego za Leta Zegerejwe abaturage (local government). Aho bidashoboka ko umushinga ukorwa n'Ikigo cya Leta kimwe, ibigo bya Leta byemerewe kwihuza (partneship) bigategura umushinga umwe bihuriyeho. Ibigo bya Leta bihuriye ku mushinga umwe ntibikwiye kurenga bitatu.

Impamvu yo kwihuza, uruhare n'inshingano byaburi ruhande bigomba kugaragazwa mu nyandiko igaragaza igitekerezo (PPD) n'inyandiko y'Umushinga (PD).

Icyitonderwa: Imiryango itari iya Leta ntiyemerewe kuzana imbanzirizamishinga kuri iyi nshuro.

IBIJYANYE N'INGANO Y'INKUNGA IZATANGWA

Imishinga yatoranijwe izahabwa inkunga idashobora kujya munsi ya miliyari imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1.000.000.000 RWF) ariko kandi atarenze miliyari 5 y'amafaranga y'U Rwanda (5.000.000.000 RWF). Ayo mafaranga agomba gukoreshwa mu gihe kiri hagati y'umwaka umwe n'imyaka itatu n'igice(ni ukuvuga bitarenze amezi mirongo ine na biri). Amahirwe akazahabwa imishinga yiteguye guhita itangira gushyirwa mu bikorwa mu rwego rwo kubahiriza ibihe byagenwe no kugera ku ntego. Ingano y'amafaranga apiganirwa kuri iyi nshuro ya mbere binyuze muri NDC Facility/Intego ni miliyari 18.5 RWF.

IBYO WAKWIFASHISHA KURI MURANDASI

Ibishyingirwaho n'uburyo bwo gusaba byasobanuwe mu nyandiko ntangamakuru (information note) y'ihamagara ry'imbanzirizamishinga rya NDC (harimo n'inyandiko shusho yo kuzuza) iboneka ku rubuga rw'Ikigega. http://greenfund.rw/intego

Ikigega kikaba gishishikariza abantu bose gusoma bitonze inyandiko zisabwa mbere y'uko bohereza ubusabe bwabo.

UBURYO BWO GUTANGA IMBANZIRIZAMUSHINGA

- Inyandiko shusho igaragaza igitekerezo cy'umushinga (PPD) yoherezwa k'uburyo bw'ikoranabuhanga hifashishijwe urubuga rw'Ikigega ruboneka kuri http://greenfund.rw/backendpd/user/register

  Kuzana inyandiko mu ntoki ku Kigega cyangwa gutanga inyandiko kuri imeyiri (email) ntibizemerwa.

- Abasaba bose ku nshuro ya mbere basabwe gufungura konti ku buryo bw'ikoranabuhanga ku rubuga rusabirwaho.

- Urwo rubuga rwemerera abasanzwe barukoresha mu isaba ry'inkunga gukoresha konti basanganwe (login)mu gutanga imishinga yabo kuri iyi nshuro.

Gusaba no gutegura umushinga bizakurikiza intambwe ebyiri zikurikira:

INTAMBWE YA MBERE: Gutegura Inyandiko shusho igaragaza igitekerezo cy'umushinga (Project Profile Document - PPD)	PPD ni inyandiko ya mbere y'isaba itangwa kugira ngo usaba ahabwe inkunga na FONERWA. PPD igamije kwerekana muri rusange igitekerezo cy'umushinga.
INTAMBWE YA KABIRI: Gutegura no gutanga inyandiko y'umushinga yuzuye (Project Document - PD)	Abantu bose batanze PPD (Inyandiko igaragaza igitekerezo cy'umushinga) ikemerwa bazatumirwa ku ntambwe ya kabiri basabwa gutanga inyandiko yuzuye y'umushinga (PD). Bazahabwa igihe cyo gukora umushinga wuzuye kingana n'amezi atatu ahwanye n'ibyumweru cumin a bibiri (12 weeks) mbere yo kohereza umushinga wabo ku kigega. Inyandiko y'Umushinga(PD) niyo nyandiko ya nyuma itangwa isaba inkunga. Inyandiko y'Umushinga (PD) yoherezwa ifite imigereka kandi ikanasobanura mu buryo burambuye ibijyanye n'igitekerezo cy'umushinga.

IGIHE NTARENGWA CYO GUTANGA INYANDIKO IGARAGAZA IGITEKEREZO CY'UMUSHINGA

Kwakira imbanzirizamishinga biturutse mu bigo bya Leta biratangirana n'itariki ya 14 Gashyantare 2023 kugeza kuwa 15 Werurwe 2023. Abasaba batanga ubusabe bwabo bitarenze kuwa 15 Werurwe 2023 saa kumi nimwe z'umugoroba (5:00 PM) ku saha ngengabihe yo mu Rwanda.

Tuributsa ko ubusabe buzatangwa nyuma y'igihe cyavuzwe haruguru butazigera bwakirwa ngo bunasuzumwe.

Ukeneye ibindi bisobanuro cyangwa amakuru ajyanye n'iyi gahunda y'isaba yabaza kuri FONERWA anyuze kuri application@fonerwa.org and f.mugabo@fonerwa.org.